

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya Perezida/Presidential Orders/Arrêtés Présidentiels

N°04/01 ryo kuwa 03/05/2012	
Iteka rya Perezida rishyiraho Sitati yihariye igenga Abacungagereza.....	3
N°04/01 of 03/05/2012	
Presidential Order establishing the special statutes governing Prison Guards.....	3
N°04/01 du 03/05/2012	
Arrêté Présidentiel portant statut particulier régissant les Surveillants des Prisons.....	3
N° 11/01 ryo kuwa 03/05/2012	
Iteka rya Perezida rishyiraho Umugenzuzi Mukuru Wungirije w’Imari ya Leta.....	50
N°11/01 of 03/05/2012	
Presidential Order appointing a Deputy Auditor General of State Finances.....	50
N°11/01 du 03/05/2012	
Arrêté Présidentiel portant nomination d’un Auditeur Général Adjoint des finances de l’Etat.....	50
N°12/01 ryo kuwa 03/05/2012	
Iteka rya Perezida ryimura Ofisiye Jenerali wo mu Ngabo z’Igihugu.....	54
N°12/01 of 03/05/2012	
Presidential Order Transferring A General Officer of Rwanda Defence Forces.....	54
N°12/01 du 03/05/2012	
Arrêté Présidentiel portant transfert d’un Officier Général des Forces Rwandaises de Défense.....	54
N°13/01 ryo kuwa 03/05/2012	
Iteka rya Perezida ryimura Komiseri Mukuru Wungirije wa Polisi.....	58
N°13/01 of 03/05/2012	
Presidential Order transferring a Deputy Commissioner General of Police.....	58
N°13/01 du 03/05/2012	
Arrêté Présidentiel portant transfert d’une Commissaire Générale Adjointe de la Police.....	58

B. Amateka rya Minisitiri w’Intebe/Prime Minister’s Orders/Arrêtés du Premier Ministre

N°24/03 ryo kuwa 07/05/2012	
Iteka rya Minisitiri w’Intebe rivana ibibanza mu mutungo rusange wa Leta.....	62
N°24/03 of 07/05/2012	
Prime Minister’s Order withdrawing plots of land from the states’s public property.....	62
N°24/03 du 07/05/2012	
Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation des parcelles du domaine public de l’Etat.....	62

N°25/03 ryo kuwa 07/05/2012

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rivana ibibanza mu mutungo rusange wa Leta.....65

N°25/03 of 07/05/2012

Prime Minister's Order withdrawing plots of land from the states's public property.....65

N°25/03 du 07/05/2012

Arrêté du Premier Ministre portant désaffectation des parcelles du domaine public de l'Etat.....65

C. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Order/Arrêté Ministériel

Umugereka w'Iteka rya Minisitiri n°20/24 ryo kuwa 20/10/2011 rishyiraho urutonde rw'imirimo yunganira iya muganga n'amategeko ayigenga.....68

Annex to Ministerial Order n°20/24 of 20/10/2011 determining the list of paramedical professions and their regulations.....68

Annexe à l'Arrêté Ministériel n°20/24 du 20/10/2011 fixant la liste des professions paramédicales et leur réglementation.....68

D. Umuryango udaharanira inyungu/Non profit making Association/ Association sans but lucratif

N° 072/17 ryo kuwa 12/12/2002

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango «Agape Evangelistic Pentecostal Church» (A.E.P.C.) kandi ryemera Abavugizi bawo.....87

N° 072/17 of 12/12/2002

Ministerial Order granting legal entity to the Association "Agape Evangelistic Pentecostal Church" (A.E.P.C.) and agreeing its Legal Representatives.....87

N° 072/17 du 12/12/2002

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association "Agape Evangelistic Pentecostal Church" (A.E.P.C) et portant agrément de ses Représentants Légaux.....87

E. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

- UBUMWE MOTARI-KIGABIRO.....99

- TWITE KU BUZIMA-MUYIRA.....100

ITEKA RYA PEREZIDA N°04/01 RYO KUWA 03/05/2012 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABACUNGAGEREZA	PRESIDENTIAL ORDER N°04/01 OF 03/05/2012 ESTABLISHING THE SPECIAL STATUTES GOVERNING PRISON GUARDS	ARRETE PRESIDENTIEL N°04/01 DU 03/05/2012 PORTANT STATUT PARTICULIER REGISSANT LES SURVEILLANTS DES PRISONS
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIERES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u>	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES</u>
<u>Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n’iri teka</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier: Objet du présent arrêté</u>
<u>Ingingo ya 2: Inyito y’imyanya</u>	<u>Article 2: Naming of position</u>	<u>Article 2 : Appelation des postes</u>
<u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by’amagambo</u>	<u>Article 3: Definitions of terms</u>	<u>Article 3 : Définition des termes</u>
<u>Ingingo ya 4: Ibyiciro by’abacungagereza</u>	<u>Article 4: Categories of prison guards</u>	<u>Article 4 : Catégories des surveillants</u>
<u>Ingingo ya 5: Imirimo yo kuri Gereza</u>	<u>Article 5: Prison work</u>	<u>Article 5: Travaux de Prisons</u>
<u>Ingingo ya 6: Abacungagereza bakorera ku cyicaro cy’Urwego</u>	<u>Article 6: Prison guards who work at the Headquarters</u>	<u>Article 6: Surveillants travaillant au Quartier Général</u>
<u>Ingingo ya 7: Umubare w’abacungagereza</u>	<u>Article 7: Number of prison guards</u>	<u>Article 7: Nombre des surveillants</u>
<u>UMUTWE WA II: UGUTANGIRA UMURIMO</u>	<u>CHAPTER II: COMMENCEMENT OF SERVICE</u>	<u>CHAPITRE II: ENTREE EN SERVICE</u>
<u>Ingingo ya 8: Ibisabwa mbere yo kwinjira mu kazi</u>	<u>Article 8: Conditions for recruitment</u>	<u>Article 8 : Conditions de recrutement</u>
<u>Ingingo ya 9: Amashuri asabwa kuri buri cyiciro</u>	<u>Article 9: Qualification required at each category</u>	<u>Article 9: Qualification requise à chaque catégorie</u>
<u>Ingingo ya 10: Inyigisho z’ibanze</u>	<u>Article 10: Basic training</u>	<u>Article 10 : Formation de base</u>
<u>Ingingo ya 11: Ibigenerwa abatozwa kuba abacungagereza</u>	<u>Article 11: Allowances for recruits during the basic training</u>	<u>Article 11 : Allocations des candidats surveillants en formation de base</u>

<u>Ingingo ya 12:</u> Indahiro y’umwuga w’ubucungagereza	<u>Article 12:</u> Professional Oath	<u>Article 12 :</u> Serment professionnel
<u>UMUTWE WA III: AMAPETI</u>	<u>CHAPTER III: RANKS</u>	<u>CHAPITRE III : GRADES</u>
<u>Ingingo ya 13:</u> Igisobanuro cy’ipeti	<u>Article 13:</u> Definition of rank	<u>Article 13 :</u> Définition de grade
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibyiciro by’amapeti n’uko akurikirana	<u>Article 14:</u> Categories and classification of ranks	<u>Article 14 :</u> Catégories des grades et leur hiérarchie
<u>Ingingo ya 15:</u> Ububasha bwo gutanga ipeti	<u>Article 15:</u> Power to give promotions	<u>Article 15 :</u> Pouvoir d’attribution de grade
<u>Ingingo ya 16:</u> Kurutanwa hakurikijwe uburambe	<u>Article 16:</u> Seniority	<u>Article 16 :</u> Ancienneté au grade
<u>Ingingo ya 17:</u> Uko matirikire zitangwa	<u>Article 17:</u> Allocation of matriculation numbers	<u>Article 17:</u> Attribution du numéro matricule
<u>Ingingo ya 18:</u> Imbonerahamwe y’abujuje ibyangombwa byo kuzamurwa mu ipeti	<u>Article 18:</u> Table of individuals fulfilling conditions for promotion	<u>Article 18:</u> Tableau des personnes remplissant les conditions d’avancement
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibisabwa mu kuzamurirwa ipeti	<u>Article 19:</u> Conditions required for promotion	<u>Article 19 :</u> Conditions requises pour la promotion
<u>Ingingo ya 20:</u> Izamurwa ryihariye ry’umusuzofisiye ku ipeti ry’abofisiye	<u>Article 20:</u> Conditions for Non-Commissioned Officers to be commissioned	<u>Article 20 :</u> Passage d’un sous-officier dans la catégorie des officiers
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa mu kuzamurwa ku muwada ku ipeti ry’Abasuzofisiye	<u>Article 21:</u> Requirements for Prison Warders intending to be Non-Commissioned Officers	<u>Article 21 :</u> Passage d’un gardien de prison à la catégorie des sous-officiers
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibisabwa ku muwada wifuza kuba Ofisiye	<u>Article 22:</u> Requirements for Prison Warders intending to be Officers	<u>Article 22:</u> Passage d’un gardien de prison au rang des officiers
<u>Ingingo ya 23:</u> Uburyo abasanzwe ari abacungagereza bahabwa amapeti yo mu cyiro cyisumbuye	<u>Article 23:</u> Methods for promoting prison guards from the former category	<u>Article 23:</u> Procédure promotion des surveillants aux grades de catégorie supérieure
<u>Ingingo ya 24:</u> Kutazamurwa mu ipeti bituma umucungagereza asezererwa	<u>Article 24:</u> Dismissal due to missing promotion	<u>Article 24 :</u> Renvoi à cause d’inaptitude à l’avancement

UMUTWE WA IV: KWIMURWA, GUHINDURIRWA UMURIMO NO GUTIZWA

Ingingo ya 25: Kwimurwa

Ingingo ya 26: Ububasha bwo guhindurirwa umurimo

Ingingo ya 27: Kwinjizwa mu mwuga w'ubucungagereza

Ingingo ya 28: Gutizwa mu murimo

Ingingo ya 29: Ibajyana no gutizwa

Ingingo ya 30: Kuba ku murimo k'umucungagereza

UMUTWE WA V: INSHINGANO, UBURENGANZIRA N'IBIBUJWE

Icyiciro cya mbere: Inshingano

Ingingo ya 31: Inshingano z'umucungagereza

Ingingo ya 32: Inshingano z'umucungagereza uyobora abandi

Icyiciro cya 2: Uburenganzira

Ingingo ya 33: Umutekano w'abacungagereza

Ingingo ya 34: Uburenganzira bwo gusoma dosiye

Ingingo ya 35: Ubutumwa

Ingingo ya 36: Ibiruhuko n'impushya

CHAPTER IV: SECONDMENT, TRANSFER AND DETACHMENT

Article 25: Secondment

Article 26: Authority empowered with transfer

Article 27: Admission as a prison guard

Article 28: Detachment

Article 29: Effects of detachment

Article 30: Period of duty

CHAPTER V: OBLIGATIONS, RIGHTS AND PROHIBITIONS

Section One: Obligations

Article 31: Prison guard duties

Article 32: Responsibility of a prison guard who is entrusted with leadership

Section 2: Rights

Article 33: Security of prison guards

Article 34: Right to consult personal files

Article 35: Mission

Article 36: Leave and permission of prison

CHAPITRE IV : MUTATION, TRANSFERT ET DETACHEMENT

Article 25 : Mutation

Article 26 : Autorité ayant le pouvoir de transfert

Article 27: Affectation dans la profession de surveillant

Article 28: Détachement

Article 29: Effets du détachement

Article 30: Période d'activité

CHAPITRE V: DEVOIRS, DROITS ET INTERRIDICTIONS

Section première: Devoirs

Article 31: Devoirs d'un surveillant

Article 32: Devoirs d'un surveillant au poste de responsabilité

Section 2: Droits

Article 33: Sécurité des surveillants

Article 34: Droit de prendre connaissance du dossier

Article 35: Mission

Article 36: Congés et permission des

by'abacungagereza	guards	surveillants
<u>Ingingo ya 37</u> : Amahugurwa y'abacungagereza	<u>Article 37</u> : Training for prison guards	<u>Article 37</u> : Formation des surveillants
<u>Ingingo ya 38</u> : Igihe cy'ihagarika	<u>Article 38</u> : Time for suspension	<u>Article 38</u> : Délais de suspension
<u>Ingingo ya 39</u> : Ihagarika ry'umurimo kubera uburwayi	<u>Article 39</u> : Suspension of service because of sickness	<u>Article 39</u> : Suspension pour cause de maladie
<u>Ingingo ya 40</u> : Gusubizwa ku murimo cyangwa gusezererwa burundu	<u>Article 40</u> : Re-instatement or dismissal	<u>Article 40</u> : Reprise d'activité ou renvoi définitif
<u>Ingingo ya 41</u> : Gusubika akazi	<u>Article 41</u> : Leave of absence for non specific period	<u>Article 41</u> : Mise en disponibilité
<u>Ingingo ya 42</u> : Uburyo isubikwa ry'akazi rikorwa	<u>Article 42</u> : Procedure for leave of absence	<u>Article 42</u> : Procédure de mise en disponibilité
<u>Icyiciro cya 3</u> : Ibibujijwe	<u>Section 3</u> : Prohibitions	<u>Section 3</u> : Interdictions
<u>Ingingo ya 43</u> : Ibyo umucungagereza abujijwe	<u>Article 43</u> : Prohibitions for prison guard	<u>Article 43</u> : Actes interdits au surveillant
<u>Ingingo ya 44</u> : Kutabangikanya imirimo	<u>Article 44</u> : Incompatibilities of service	<u>Article 44</u> : Incompatibilités de service
<u>UMUTWE WA VI: GUSHIMIRWA NO KUZAMURWA MU NTERA</u>	<u>CHAPTER VI: APPRAISAL AND PROMOTION</u>	<u>CHAPITRE VI: APPRECIATION ET PROMOTION</u>
<u>Ingingo ya 45</u> : Gushima abacungagereza	<u>Article 45</u> : Appraisal of prison guards	<u>Article 45</u> : Appréciation des surveillants
<u>Ingingo ya 46</u> : Isuzumamikorere ry'abacungagereza	<u>Article 46</u> : Evaluation of prison guards	<u>Article 46</u> : Evaluation des surveillants
<u>Ingingo ya 47</u> : Dosiye igaragaza imikorere	<u>Article 47</u> : File of performance evaluation	<u>Article 47</u> : Dossier d'évaluation de performance
<u>Ingingo ya 48</u> : Imiterere y'impapuro z'ishimwe	<u>Article 48</u> : Format of appraisal forms	<u>Article 48</u> : Format des documents d'appréciation

UMUTWE WA VII: IMYIFATIRE

Ingingo ya 49: Kumvira

Ingingo ya 50: Kutumvira

Ingingo ya 51: Ikosa, icyaha n'igihano

Ingingo ya 52: Ihagarikwa ry'agateganyo

Ingingo ya 53: Impamvu z'ihagarikwa ry'agateganyo

Ingingo ya 54: Ingaruka z'ihagarikwa ry'agateganyo

Ingingo ya 55: Irangiza ry'ihagarikwa

Ingingo ya 56: Ivanwaho ry'ingaruka ry'ihagarikwa ry'agateganyo

Ingingo ya 57: Uburyo bwo guhana abacungagereza

Ingingo ya 58: Ububasha bwo gukuraho ibihano

Ingingo ya 59: Amabwiriza y'imyifatire

UMUTWE WA VIII: GUSESA AMASEZERANO Y'AKAZI

Ingingo ya 60: Ibituma amasezerano aseswa

Ingingo ya 61: Igihe cyo kujya mu za bukuru k'umucungagereza

CHAPTER VII: DISCIPLINARY MEASURES

Article 49: Obedience

Article 50: Disobedience

Article 51: Misconduct, offense and sanctions

Article 52: Suspension

Article 53: Reasons for suspension

Article 54: Effects of provisional suspension

Article 55: End of suspension

Article 56: Waiver of consequences of suspension

Article 57: Procedure for sanctioning prison guards

Article 58: Authority empowered to cancel sanctions

Article 59: Disciplinary measures

CHAPTER VIII: TERMINATION OF CONTRACT OF SERVICE

Article 60: Reasons of termination of contract

Article 61: Period of retirement for a prison guard

CHAPITRE VII: REGIME DISCIPLINAIRE

Article 49: Obéissance

Article 50: Désobéissance

Article 51: Faute, infraction et sanctions

Article 52: Suspension provisoire

Article 53: Motifs de suspension provisoire

Article 54: Effets de la suspension provisoire

Article 55: Fin de suspension

Article 56: Annulation des conséquences de la suspension provisoire

Article 57: Mode de sanction des surveillants

Article 58: Autorité nantie du pouvoir d'annulation de sanctions

Article 59: Règles de discipline

CHAPITRE VIII: RESILIATION DU CONTRAT DE SERVICE

Article 60: Motifs de résiliation du contrat

Article 61: Période de mise à la retraite pour un surveillant

<u>Ingingo ya 62: Imperekeza y'izabukuru</u>	<u>Article 62: Retirement package</u>	<u>Article 62: Indemnités de départ à la retraite</u>
<u>Ingingo ya 63: icyubahiro cy'umwofisiye Komiseri uri mu kiruhuko cy'izabukuru</u>	<u>Article 63: Honour for a retired Commissioned Officer</u>	<u>Article 63: Honneur d'un Officier Commissaire en retraite</u>
<u>Ingingo ya 64: Kwegura ku murimo</u>	<u>Article 64: Resignation of service</u>	<u>Article 64: Démission volontaire</u>
<u>Ingingo ya 65: Gusezererwa nta mpaka</u>	<u>Article 65: Dismissal with disgrace</u>	<u>Article 65 : Démission d'office</u>
<u>Ingingo ya 66: Gusezererwa ku kazi ku mpamvu z'uburwayi</u>	<u>Article 66: Discharge for sickness</u>	<u>Article 66: Cessation d'activité pour cause de maladie</u>
<u>Ingingo ya 67: Kwirukanwa burundu k'umucungagereza</u>	<u>Article 67: Dismissal of a prison guard</u>	<u>Article 67: Révocation d'un surveillant</u>
<u>Ingingo ya 68: Ingaruka y'ihagarika ry'akazi burundu</u>	<u>Article 68: Effect of termination of service</u>	<u>Article 68: Effets de la cessation de service</u>
<u>Ingingo ya 69: Gusubizwa mu buzima busanzwe</u>	<u>Article 69: Lay-off</u>	<u>Article 69: Désengagement</u>
<u>Ingingo ya 70: Urupfu rw'umucungagereza</u>	<u>Article 70: Death of a prison guard</u>	<u>Article 70: Décès d'un surveillant</u>
<u>UMUTWE WA IX: UMUSHAHARA N'IBINDI UMUCUNGAGEREZA AGENERWA</u>	<u>CHAPTER IX: REMUNERATION AND OTHER BENEFITS FOR A PRISON GUARD</u>	<u>CHAPITRE IX: TRAITEMENT ET AUTRES AVANTAGES DU SURVEILLANT</u>
<u>Ingingo ya 71: Kwishyura umushahara</u>	<u>Article 71: Salary payment</u>	<u>Article 71: Paiement de salaire</u>
<u>Ingingo ya 72: Ishimwe rijyana n'imikorere</u>	<u>Article 72: Allowances relating to the work</u>	<u>Article 72: Bonifications en fonction de rendement</u>
<u>Ingingo ya 73: Kuzamuka ku mushahara</u>	<u>Article 73: Salary increase</u>	<u>Article 73: Augmentation de salaire</u>
<u>Ingingo ya 74: Ibikoresho by'akazi</u>	<u>Article 74: Equipment for service</u>	<u>Article 74: Equipements de service</u>
<u>Ingingo ya 75: Ibiranga abacungagereza</u>	<u>Article 75: Distinguishing marks for prison guards</u>	<u>Article 75: Signes particuliers pour les surveillants</u>

<u>Ingingo ya 76:</u> Ubwishingizi bw'indwara	<u>Article 76:</u> Medical insurance	<u>Article 76:</u> Assurance maladie
<u>Ingingo ya 77:</u> Uburwayi buturutse ku mpamvu z'akazi	<u>Article 77:</u> Sickness resulting from work	<u>Article 77:</u> Maladie suite à l'exercice des fonctions
<u>Ingingo ya 78:</u> Amafaranga y'ishimwe	<u>Article 78:</u> Bonus	<u>Article 78:</u> Primes
<u>Ingingo ya 79:</u> Ibitangwa mu kwimura umucungagereza	<u>Article 79:</u> Secondment fees of a prison guard	<u>Article 79:</u> Frais de mutation d'un surveillant
<u>Ingingo ya 80:</u> Gushyirwa mu bwiteganyirize	<u>Article 80:</u> Social security registration	<u>Article 80:</u> Affiliation à la sécurité sociale
<u>Ingingo ya 81:</u> Izamurwa ry'imibereho myiza	<u>Article 81:</u> Improvement of welfare	<u>Article 81:</u> Amélioration des conditions de vie
<u>Ingingo ya 82:</u> Impeta z'ishimwe	<u>Article 82:</u> Awarding medals	<u>Article 82:</u> Médailles honorifiques
<u>UMUTWE WA X:</u> INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	<u>CHAPTER X:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE X:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES
<u>Ingingo ya 83:</u> Izindi ngingo z'amategeko zakwifashishwa	<u>Article 83:</u> Other provisions that would be applicable	<u>Article 83:</u> Autres dispositions légales pouvant être appliquées
<u>Ingingo ya 84:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<u>Article 84:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 84:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 85:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 85:</u> Repealing provision	<u>Article 85:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 86:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 86:</u> Commencement	<u>Article 86:</u> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA PEREZIDA N°04/01 RYO KUWA
03/05/2012 RISHYIRAHU SITATI YIHARIYE
IGENGA ABACUNGAGEREZA**

**PRESIDENTIAL ORDER N°04/01 OF
03/05/2012 ESTABLISHING THE SPECIAL
STATUTES GOVERNING PRISON GUARDS**

**ARRETE PRESIDENTIEL N°04/01 DU
03/05/2012 PORTANT STATUT
PARTICULIER REGISSANT LES
SURVEILLANTS DES PRISONS**

Twebwe KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 113, iya 121, iya 169 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 113, 121,169 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour spécialement en ses articles 113, 121,169 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n°34/2010 ryo kuwa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa rikanagena imitunganyirize n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 14;

Pursuant to Law n° 34/2010 of 12/11/2010 on the Establishment, Functioning and Organisation of Rwanda Correctional Service, especially in Article 14;

Vu la Loi n° 34/2010 du 12/11/2010 portant Création, Fonctionnement et Organisation du Service Correctionnel du Rwanda, spécialement en son article 14 ;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 03/01 ryo kuwa 09/02/2009 rishyiraho sitati yihariye igenga abacungagereza;

Having reviewed Presidential Order n° 03/01 of 09/02/2009 establishing the special statutes governing prison guards;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 03/01 du 09/02/2009 régissant les surveillants;

Bisabwe na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu;

On proposal by the Minister of Internal Security;

Sur proposition du Ministre de la Sécurité Intérieure;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 01/06/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its session of 01/06/2011;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 01/06/2011;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'iri teka

Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga Abacungagereza.

Ingingo ya 2: Inyito y'imyanya

Inyito y'imyanya y'imirimo ivugwa muri iri teka ireba abacungagereza bose baba abagore cyangwa abagabo.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanura:

- 1° “**Minisitiri**”: Minisitiri ufite Gereza mu nshingano ze;
- 2° “**RCS**”: ni Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'Abagororwa.

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abacungagereza

Abacungagereza bari mu byiciro bitatu (3) bikurikira:

- 1° Abofisiye;
- 2° Abasuzofisiye;
- 3° Abawada.

Ingingo ya 5: Imirimo yo kuri Gereza

Imirimo yose yo kuri gereza ikorwa n'abacungagereza uretse imirimo ikomeye ubumenyi bwihariye budafitwe n'abacungagereza.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes special statutes governing Prison Guards.

Article 2: Naming of position

The naming of positions in this statute shall concern both women and men.

Article 3: Definitions of terms

In this Order, the following terms shall mean:

- 1° “**Minister**”: the Minister in charge of prisons.
- 2° “**RCS**”: the Rwanda Correctional Service.

Article 4: Categories of prison guards

Prison guards are classified in three (3) categories which shall be the following:

- 1° Officers;
- 2° Non-Commissioned Officers;
- 3° Prison Warders.

Article 5: Prison work

All prison work shall be done by prison guards except for work which requires specialized skills which prison guards do not possess.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte statut spécial régissant les surveillants des prisons.

Article 2 : Appellation des postes

L'appellation des postes repris dans le présent statut concerne aussi bien les femmes que les hommes.

Article 3 : Définition des termes

Au sens du présent arrêté, les termes suivants signifient :

- 1° “**Ministre**” : le Ministre ayant les prisons dans ses attributions.
- 2° “**RCS**” : signifie le Service Correctionnel du Rwanda.

Article 4: Catégories des surveillants

Les surveillants sont classés en trois (3) catégories suivantes :

- 1° Les Officiers ;
- 2° Les Sous-Officiers ;
- 3° Les Gardiens des Prisons.

Article 5: Travaux de Prisons

Tous les travaux de prisons sont exécutés par les surveillants sauf ceux nécessitant une expérience spéciale que les surveillants n'ont pas.

Abacungagereza bakora imirimo yo mu biro kuri za Gereza bashyirwaho n'Inama Nkuru ya RCS akaba ari na yo ibahindurira imirimo.

Inama Nkuru ya RCS ishyiraho ibisabwa kuri buri mwanya ukenewemo akazi ko mu biro kuri Gereza.

Ingingo ya 6: Abacungagereza bakorera ku cyicaro cy'Urwego

Abacungagereza bakorera ku cyicaro Gikuru cya RCS bashyirwaho hakurikijwe imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RCS.

Iyo bashyirwa mu myanya y'ubuyobozi, Minisitiri abisaba inzego zibifitiye ububasha ashingiye ku cyemezo cya Komiseri Mukuru wa RCS.

Iyo ari mu myanya itari iy'ubuyobozi byemezwa na Minisitiri abisabwa na Komiseriya Nkuru ya RCS.

Iyo hari impamvu ituma hakenerwa umucungagereza ukorera ku Cyicaro Gikuru cya RCS mu mwanya w'umurimo udateganywa mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo byemezwa na Komiseriya Nkuru ya RCS.

Iyo akazi yifuzwamo kunganira karengaje iminsi mirongo itatu (30) kandi itarenga amezi atatu (3), uwo mucungagereza agenerwa inyoroshyangendo n'icumbi iyo bikenewe hagendewe ku cyemezo cy'Inama Nkuru ya RCS.

Prison guards who work in the office of a prison shall be appointed and transferred by the High Council of RCS.

The High Council of RCS shall establish the requirements of all posts needed in the offices of prisons.

Article 6: Prison guards who work at the Headquarters

Prison guards employed at the Headquarters of RCS shall be recruited according to the organizational chart of RCS.

If prison guards are to be appointed to the management team of the RCS, the Minister shall make proposal to the competent organ, based on the decision of the Commissioner General of RCS.

If it is not a leadership position, it can be approved by the Minister upon request by the High Commission of RCS.

If a prison guard is required to be temporarily transferred to RCS Headquarters but the post is not in its structure, it shall be approved by the High Commission of RCS.

If the service he/she is intended to undertake exceeds thirty (30) days but does not exceed three (3) months, the prison guard shall be granted an allowance and accommodation when necessary, according to the decision of the High Council of the service.

Les surveillants qui travaillent dans les bureaux de la prison sont nommés et transférés par le Conseil Supérieur de RCS.

Le Haut Conseil de RCS établit les conditions requises pour chaque poste dans les bureaux de prisons.

Article 6: Surveillants travaillant au Quartier Général

Les surveillants de prisons employés au Quartier Général de de RCS sont recrutés suivant le cadre organique de service.

S'ils sont placés dans les postes de direction, le Ministre en fait une proposition à l'organe compétent sur base de la décision du Commissaire Général de RCS.

Si le poste n'est pas un poste de direction le Ministre peut procéder à l'approbation sur demande du Haut Commissariat de RCS.

S'il s'avère nécessaire de recruter un surveillant dont le poste ne figure pas dans la structure du RCS, il peut être approuvé par le Haut Commissariat de RCS.

Si le service qu'il veut intégrer va prendre plus de trente (30) jours et ne dépasse pas trois (3) mois, le surveillant bénéficie des frais de missions et de logement si nécessaire en conformité avec la décision du Haut Conseil de RCS.

Ingingo ya 7: Umubare w'abacungagereza

Minisitiri, ashingiye ku cyemezo cy'Inama Nkuru ya RCS, amaze no kubyumvikanaho na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze, yemeza umubare w'abacungagereza RCS ikeneye kuri buri cyiciro cy'abacungagereza.

UMUTWE WA II: UGUTANGIRA UMURIMO

Ingingo ya 8: Ibisabwa mbere yo kwinjira mu kazi

Kugira ngo umuntu yemererwe kuba umucungagereza, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- 1° kuba ari umunyarwanda;
- 2° kugira ubushake;
- 3° kuba nibura afite imyaka icumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko.
- 4° kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- 5° kuba atarigeze akatirwa n'urukiko igihano ndakuka cy'igifungo kirenze amezi atandatu (6) uretse igihe yaba yarahawe ihanagurabusembwa;
- 6° kuba afite impamyabumenyi ikenewe ku rwego yifuza kujyamo;
- 7° kuba afite amagara mazima n'intege bituma ashobora gukora akazi k'ubucungagereza;
- 8° kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka

Article 7: Number of prison guards

The Minister shall, upon a resolution of the High Council of RCS and after consultation with the Minister in charge of finance, approve the number of prison guards required by RCS in each category.

CHAPTER II: COMMENCEMENT OF SERVICE

Article 8: Conditions for recruitment

For a person to be recruited as prison guard, he/she must fulfill the following conditions:

- 1° be of Rwandan nationality;
- 2° be willing;
- 3° be at least eighteen (18) years old and not more than twenty-five (25) years old;
- 4° be of irreproachable behaviour and morals;
- 5° not to have had a criminal conviction of more than six (6) months, except to have been rehabilitated;
- 6° hold a degree or another equivalent certificate corresponding to the recruitment level;
- 7° be healthy and strong enough to work as a prison guard;
- 8° not to have been dismissed from his/her functions without consultation, or to

Article 7: Nombre des surveillants

Le Ministre, sur base d'une résolution du Conseil Supérieur de RCS et après consultation avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions peut approuver le nombre de surveillants requis dans chaque catégorie.

CHAPITRE II: ENTREE EN SERVICE

Article 8 : Conditions de recrutement

Pour être admis comme surveillant, le candidat doit remplir les conditions suivantes:

- 1° être de nationalité rwandaise ;
- 2° avoir la volonté ;
- 3° être âgé de dix-huit (18) ans au moins et de vingt-cinq (25) ans au plus.
- 4° être de bonne conduite, vie et mœurs ;
- 5° ne pas avoir été condamné par une juridiction en dernier ressort à une peine d'emprisonnement supérieure à six (6) mois ou avoir été réhabilité;
- 6° être détenteur d'un diplôme correspondant à la catégorie de recrutement;
- 7° être reconnu physiquement apte pour travailler comme surveillant ;
- 8° n'avoir été ni révoqué ni démis d'office de ses fonctions de

Official Gazette n °20 bis of 14/05/2012

ku murimo uwo ariwo wose wa Leta;	have been expelled from any public service;	n'importe quel service public ;
9° kuba yaratsinze ibizamini byo kwinjizwa mu bacungagereza muri RCS.	9° have passed recruitment tests as prison guard in RCS.	9° avoir réussi les tests de recrutement des surveillants au sein du RCS.
Imyaka ivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ishobora kongerwa n'inzego zitanga akazi iyo bikenewe.	The age limit referred to under point 3° of Paragraph One of this Article may be extended by the appointing authority if considered necessary.	L'âge requis mentionné au point 3° peut être prorogé par l'autorité de nomination si c'est nécessaire.
<u>Ingingo ya 9: Amashuri asabwa kuri buri cyiciro</u>	<u>Article 9: Qualification required at each category</u>	<u>Article 9: Qualification requise à chaque catégorie</u>
Ibyemezo by'amashuri by'abifuzwa kuba abacungagereza ni ibi bikurikira:	Qualification required for prison guard candidates shall be the following:	Les candidats surveillants doivent remplir les conditions suivantes :
1° Abofisiye bagomba kuba bafite nibura impamyabumenyi ihanitse (Licence) cyangwa ihwanye nayo;	1° Officers shall have at least a Bachelor's Degree or its equivalent;	1° Les Officiers doivent être détenteur d'un diplôme de Licence au moins ou son équivalent ;
2° Abasuzofisiye bagomba kuba bafite nibura impamyabumenyi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye cyangwa ihwanye nayo;	2° Non-Commissioned Officers shall have attained a minimum education level of senior six (6) or its equivalent;	2° Les sous-Officiers doivent être détenteurs d'un diplôme des humanités au moins ou son équivalent;
3° Abawada bagomba kuba bafite nibura icyemezo cy'uko barangije batsinze icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye cyangwa icyemezo cy'ubumenyi buhwanye nayo.	3° Prison Warders shall have attained a minimum education level of senior three (3) or its equivalent.	3° Les gardiens des prisons doivent être détenteurs au moins d'une attestation de (3) ans post primaire ou d'un certificat équivalent.
Ibindi byangombwa by'inyongera bishobora gushyirwaho n'amabwiriza ya Minisitiri.	Other required conditions shall be fixed by instructions of the Minister.	Les autres conditions supplémentaires sont déterminées par les instructions du Ministre.
<u>Ingingo ya 10: Inyigisho z'ibanze</u>	<u>Article 10: Basic training</u>	<u>Article 10 : Formation de base</u>
Abitegura kuba abacungagereza bagihabwa inyigisho z'ibanze bagengwa n'amabwiriza yihariye ashirwaho na Minisitiri abigiriwemo inama na Komisariya Nkuru ya RCS.	The prison guards who are recruited and are undergoing basic training shall be governed by particular instructions given by the Minister with advice from the High Commission of RCS.	Les surveillants recrutés en formation de base sont soumis à des instructions particulières qui émanent du Ministre sur proposition du Haut Commissariat du RCS.

Ingingo ya 11: Ibigenerwa abatozwa kuba abacungagereza

Abitegura kuba Abacungagereza bagenerwa umutungo ubibafashamo ushingiyeye ku cyifuzo cy'Inama Nkuru ya RCS.

Ingingo ya 12: Indahiro y'umwuga w'ubucungagereza

Umunsi wo gusoza inyigisho z'ibanze Abasuzofisiye n'Abawada barahirira imbere ya Minisitiri.

Abofisiye barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika cyangwa intumwa ye. Abimuriwe muri RCS bavanywe mu nzego z'umutekano ntibongera kurahira indahiro ivugwa muri iyi ngingo.

Mu kurahira hakoreshwa indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

UMUTWE WA III: AMAPETI

Ingingo ya 13: Igisobanuro cy'ipeti

Ipeti ni ubwitirire bushyira umucungagereza mu busumbane bw'abacungagereza kandi bukamuha ububasha bwo gukora umurimo ukwiranye naryo.

Ingingo ya 14: Ibyiciro by'amapeti n'uko akurikirana

Amapeti y'abacungagereza ari mu byiciro bitanu (5)

Article 11: Allowances for recruits during the basic training

Recruits shall be entitled to allowances based upon the proposal of the High Commissioner of RCS.

Article 12: Professional Oath

On the day ending the basic training, Non-Commissioned Officers and Prison Warders shall take an oath before the Minister.

Officers shall take an oath in front of President of the Republic or his/her delegate. Those who are transferred to RCS from other security institutions are not required to take an oath as prescribed by this Article.

The oath to be taken is provided for in the Constitution.

CHAPTER III: RANKS

Article 13: Definition of rank

Rank is a title which categorises a prison guard in the prison hierarchy and enables him/her to exercise the corresponding prison function.

Article 14: Categories and classification of ranks

The ranks of prison guards shall be classified into

Article 11: Allocations des candidats surveillants en formation de base

Les recrues en formation de base bénéficient des allocations sur proposition du Haut Commissariat de RCS

Article 12 : Serment professionnel

Le jour de la clôture de la formation de base, les Sous-Officiers et les gardiens des Prisons prêtent serment devant le Ministre.

Les Officiers prêtent serment devant le Président de la République ou son représentant. Ceux qui sont transférés dans RCS en provenance d'autres institutions en charge de la sécurité ne prêtent pas serment comme indiqué dans cet article.

Le serment prêté est celui prévu par la Constitution.

CHAPITRE III : GRADES

Article 13 : Définition de grade

Le grade est le titre qui situe le surveillant dans la hiérarchie du service des prisons et l'habilite à exercer une fonction de surveillant correspondante.

Article 14 : Catégories des grades et leur hiérarchie

Les grades des surveillants sont classés dans

Official Gazette n °20 bis of 14/05/2012

bikurikira:	the following five (5) categories:	cinq (5) catégories suivantes :
Icyiciro cya mbere kigizwe n'Abofisiye Komiseri ari bo:	The first category is composed of Commissioned Officers:	La première catégorie comprend les Officiers Commissaires :
1° Komiseri Mukuru;	1° Commissioner General;	1° Commissaire Général ;
2° Komiseri Mukuru Wungirije;	2° Deputy Commissioner General;	2° Commissaire Général Adjoint ;
3° Komiseri;	3° Commissioner;	3° Commissaire ;
4° Komiseri Wungirije.	4° Deputy Commissioner.	4° Commissaire Adjoint.
Icyiciro cya kabiri kigizwe n'Abofisiye bisumbuye ari bo:	The second category is composed of Senior Officers:	La deuxième catégorie comprend les Officiers supérieurs :
1° Suretanda Mukuru;	1° Senior Superintendent;	1° Surintendant Supérieur ;
2° Suretanda.	2° Superintendent.	2° Surintendant.
Icyiciro cya gatatu kigizwe n'Abofisiye bato ari bo:	The third category is composed of Junior Officers:	La troisième catégorie comprend les Officiers subalternes :
1° Insipegiteri Mukuru;	1° Senior Inspector;	1° Inspecteur Supérieur ;
2° Insipegiteri;	2° Inspector;	2° Inspecteur ;
3° Insipegiteri Wungirije.	3° Assistant Inspector.	3° Inspecteur Assistant.
Icyiciro cya kane kigizwe n'abasuzofisiye ari bo:	The fourth category is composed of Non-Commissioned Officers:	La quatrième comprend les Sous-officiers:
1° Serija Mukuru;	1° Senior Sergeant;	1° Sergent Supérieur,
2° Serija;	2° Sergeant;	2° Sergent,
3° Kaporali.	3° Corporal.	3° Caporal.

Official Gazette n °20 bis of 14/05/2012

Icyiciro cya gatanu kigizwe n'Abawada:	The fifth category is composed of Prison Warders:	La cinquième catégorie comprend les Gardiens de prison:
Komiseri Mukuru na Komiseri Mukuru Wungirije ni amapeti agirwa gusa n'ukuriye Urwego rwa RCS hamwe n'umwungirije iyo ari abacungagereza.	The Commissioner General and Deputy Commissioner General shall be ranks held only by the Head of RCS and his/her deputy if they are prison guards.	Le grade de Commissaire Général et celui du Commissaire Général Adjoint sont des grades réservés au Chef de RCS ou son adjoint s'ils sont des gardiens des prisons.
<u>Ingingo ya 15: Ububasha bwo gutanga ipeti</u>	<u>Article 15: Power to give promotions</u>	<u>Article 15: Pouvoir d'attribution de grade</u>
Abofisiye Komiseri n'abo ku rwego rwisumbuye bahabwa amapeti n'iteka rya Perezida.	Commissioned Officers and Senior Officers shall be promoted by Presidential Order.	Les Officiers Commissaires et les Officiers Supérieurs sont promus aux grades par arrêté présidentiel.
Abofisiye bato bahabwa amapeti n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.	Junior officers are promoted by a Prime Minister's Order.	Les Officiers subalternes sont promus aux grades par arrêté du Premier Ministre.
Abasuzofisiye kimwe n'abawada bahabwa amapeti n'iteka rya Minisitiri.	Non-Commissioned Officers and prison warders are promoted by Ministerial Order.	Les sous-officiers et les gardiens des prisons sont promus aux grades par arrêté du Ministre.
<u>Ingingo ya 16: Kurutanwa hakurikijwe uburambe</u>	<u>Article 16: Seniority</u>	<u>Article 16 : Ancienneté au grade</u>
Uburambe bwa buri wese mu bacungagereza b'ipeti rimwe bwerekanwa hakurikijwe:	Seniority of prison guards with the same rank shall be determined according to the following:	L'ancienneté des surveillants de même grade est déterminée, selon l'ordre d'importance par :
1° agaciro k'umurimo akora;	1° the duties carried out by each of them;	1° les fonctions exercées par chacun d'entre eux ;
2° umunsi yahereweho ipeti hakurikijwe uwahawe ipeti mbere y'abandi;	2° the date on which the guard got the rank, in which case the one who was promoted first takes seniority;	2° la date de nomination à ce grade, le/la surveillant(e) en tête sur la liste de nomination précède les autres;
3° inomeru ya matirikire ibanziriza izindi kuri lisiti bahamagarirwaho.	3° the prison guard whose matriculation number comes before others on the roll list is superior to others.	3° le surveillant dont le numéro de matricule vient le premier sur la liste nominale étant le plus ancien.
Igihe cyose umucungagereza adakora, ntikibarwa	Any period of non-activity other than for health	Toute période de non-activité autre que pour

mu burambe ku ipeti, keretse igihe byatewe n'uburwayi.

Ingingo ya 17: Uko matirikire zitangwa

Abacungagereza bakurikiye inyigisho zimwe mu gihe kimwe bahabwa matirikire hakurikijwe uburyo batsinze inyigisho barangije.

Abofisiye, abasuzofisiye n'abawada bahabwa matirikire zitandukanye.

Umucungagereza uvuye mu rwego ruto ajya mu rwisumbuye rudahuje inomero, ahabwa indi nomero ijyanye n'urwego ashyizwemo.

Ingingo ya 18: Imbonerahamwe y'abujuje ibyangombwa byo kuzamurwa mu ipeti

Usibye izamurwa ridasanze mu ipeti rishobora gukorwa na Perezida wa Repubulika, izamurwa mu ipeti mu buryo busanzwe rikorwa bisabwe n'Inama ya RCS.

Komiseri Mukuru akora imbonerahamwe y'abacungagereza bujuje ibyangombwa iyo bahari kugira ngo bazamurwe mu ipeti ryo hejuru umwaka ukurikiyeho. Urwo rutonde rushyikirizwa Minisitiri hagati y'itariki ya mbere n'ya 31 Mutarama.

Mbere y'uko Minisitiri ashyikiriza urwo rutonde inzego zitanga amapeti, ararutangaza kugira ngo umucungagereza ubona ko arengana abigaragarize Minisitiri mu nyandiko.

reasons shall be deducted from the seniority of any prison guard.

Article 17: Allocation of matriculation numbers

Prison guards who attend the same course shall be given ranks according to their performance at the end of the course.

Officers, Non-Commissioned Officers and Prison Warders shall be allocated different matriculation numbers.

A prison guard who is elevated to a higher rank shall be given a different matriculation number corresponding to the new category.

Article 18: Table of individuals fulfilling conditions for promotion

Except in the case of a special promotion by President of the Republic, normal promotion shall be done on demand by the Council of RCS.

The Commissioner General shall make a list of prison guards who fulfill the conditions of being promoted in the next year. The list shall be submitted to the Minister between 1st and 31 January.

Before the list of promotions is submitted to the competent authority, the Minister shall publish it in order to allow the prison guards to raise any complaints in writing to the Minister.

motif de santé est décomptée de l'ancienneté dans le grade du surveillant.

Article 17: Attribution du numéro matricule

L'attribution des numéros matricules aux surveillants ayant suivi la même session de formation, est faite en fonction de leur ordre de réussite à la fin de celle-ci.

Les officiers, les sous-officiers et les gardiens des prisons ont des matricules différents.

Le surveillant qui passe d'une catégorie inférieure à une catégorie supérieure de numéro de matriculation différente, reçoit un autre numéro correspondant à la catégorie dans laquelle il est placé.

Article 18: Tableau des personnes remplissant les conditions d'avancement

A part la promotion exceptionnelle décidée par le Président de la République, la promotion ordinaire se fait sur demande du Conseil de RCS.

Le Commissariat Général dresse un tableau des surveillants remplissant les conditions d'avancement aux grades supérieurs pour l'année suivante. Ce tableau doit être présenté au Ministre entre le 1^{er} et le 31 janvier.

Avant que le Ministre ne soumette la liste de promotion aux autorités habilitées à promouvoir au grade, il la rend publique afin que le surveillant qui se sent lésé lui en fasse une réclamation écrite.

Mu gihe cy'ibyumweru bibiri (2) bikurikira itangazwa ry'urwo rutonde, iyo nta wasabye kurenganurwa, Minisitiri arwoherereza inzego zibifitiye ububasha azisaba gutanga amapeti.

Ingingo ya 19: Ibisabwa mu kuzamurirwa ipeti

Guhabwa ipeti ryisumbuye biterwa n'ubushobozi umucungagereza yagaragaje mu mirimo ye byerekanwa n'amanota ye cyangwa rimwe na rimwe ikizamini cy'akazi.

Umucungagereza agomba no kuba yujuje by'umwihariko ibi bikurikira:

- 1° kuba ishimwe rye ririmo "Arabikwiye";
- 2° Kuba yarabonye ishimwe "Nyamwete" mu mashimwe atatu akurikirana ya nyuma;
- 3° Kuba amaze imyaka ine (4) ku peti ku bawada, imyaka itatu (3) ku basuzofisiye, imyaka itanu (5) ku bofisiye Komiseri n'imyaka ine (4) ku bofisiye bisumbuye n'abato;
- 4° Kuba hari umwanya uteganyirizwa ipeti ryisumbuye ku ryo afite;
- 5° Kugira amashuri asabwa kuri icyo cyiciro;

If after two (2) weeks following the publication of the list there are no complaints, the Minister shall submit it to the authority responsible for carrying out the promotion.

Article 19: Conditions required for promotion

Promotion shall depend on the performance of a prison guard in fulfilling tasks assigned to him/her, as shown by a written report, or by a professional test.

In particular, the prison guard must also fulfill the following conditions:

- 1° to have assessment stating that "he/she deserves the promotion";
- 2° to have been rated "very good" in the last three consecutive ratings.
- 3° to have spent at least four (4) years at the same rank for all Prison warders, three (3) years for Non- Commissioned Officers, five (5) years for Commissioners and four (4) years for Senior and Junior Officers;
- 4° where a vacant post exists corresponding to the superior rank to move from one to other category;
- 5° be a holder of a qualification corresponding to the category;

Si dans deux (2) semaines suivant la publication de la liste, il n'y a pas eu de réclamation, le Ministre transmet la liste aux autorités habilitées à promouvoir au grade.

Article 19 : Conditions requises pour la promotion

L'avancement en grade dépend de l'aptitude du surveillant à exercer les fonctions supérieures, telle qu'elle résulte du signalement ou d'un test professionnel éventuel.

Le surveillant doit aussi, en particulier, remplir les conditions suivantes:

- 1° son appréciation doit porter la mention "il mérite" ;
- 2° avoir été coté au moins "très Bon " lors des trois derniers signalements consécutifs;
- 3° avoir passé quatre (4) ans au même grade pour les gardiens de Prison, trois (3) ans pour les Sous Officiers, cinq (5) ans pour les Officiers Commissaires et quatre (4) ans pour les Officiers Supérieurs et subalternes ;
- 4° s'il y a un poste vacant correspondant au grade supérieur pour aller d'une catégorie à une autre;
- 5° avoir la qualification requise correspondant au rang ;

6° Gutsinda ikizamini gitegurirwa abawada, abasuzofisiye bato baba bategurirwa kuzamurirwa amapeti.

6° to successfully pass an exam provided for Prison Warders, Non-Commissioned Officers proposed for promotion.

6° avoir réussi l'examen préparé pour les Gardiens de Prisons, les Sous-Officiers proposés à la promotion aux grades.

Ingingo ya 20: Izamurwa ryihariye ry'umusuzofisiye ku ipeti ry'abofisiye

Abasuzofisiye, bashobora kuzamurwa mu rwego rw'Abofisiye badategereje igihe cy'imyaka itanu (5) iyo bujuje ibi bikurikira:

1° kubona impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ya Kaminuza cyangwa ihwanye na yo;

2° gukurikira no gutsinda isomo ryihariye ryateguwe n'ishuri rya RCS ritegura Abofisiye cyangwa se irindi ringana na ryo.

Ingingo ya 21: Ibisabwa mu kuzamurwa ku muwada ku ipeti ry'Abasuzofisiye

Umuwada ashobora kuva mu rwego arimo akajya mu rwego rw'abasuzofisiye atarageza ku myaka ivugwa mu ngingo ya 19 y'iri teka iyo yujuje ibi bikurikira:

1° kubona impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye cyangwa ihwanye nayo;

2° Kuba nibura amaze imyaka ibiri (2) ku buwada;

Article 20: Conditions for Non-Commissioned Officers to be commissioned

Non-Commissioned Officers who desire to be promoted before fulfilling five (5) years in RCS may be promoted when they fulfil the following conditions:

1° he/she holds a Bachelor's Degree or its equivalent;

2° he/she attends and pass an appropriate course for Officers organised by a RCS training academy or any other similar training school.

Article 21: Requirements for Prison Warders intending to be Non-Commissioned Officers

A Prison Warder can be elevated to a Non-Commissioned Officer before meeting the requirements of seniority stated in Article 19 of this Order upon fulfillment of the following conditions:

1° he/she holds the qualification of senior six (6) or its equivalent required for Non-Commissioned Officers;

2° he/she has at least two (2) years experience at the rank of Prison Warder;

Article 20: Passage d'un sous-officier dans la catégorie des officiers

Les sous-officiers qui le désirent, peuvent passer de leur catégorie à celle des officiers sans attendre une période de cinq (5) ans s'ils remplissent les conditions suivantes:

1° obtenir un diplôme de licence ou son équivalent ;

2° suivre et réussir un cours approprié organisé par l'Ecole de formation des Officiers de RCS ou un autre Institut équivalent.

Article 21 : Passage d'un gardien de prison à la catégorie des sous-officiers

Un gardien de prison peut passer de son grade à celui des sous-officiers avant l'ancienneté stipulée à l'article 19 du present arrêté s'il remplit les conditions suivantes:

1° obtenir un diplôme ou un certificat d'études des Humanités ou son équivalent exigé aux Sous officiers;

2° avoir une expérience d'au moins deux (2) ans au grade de Gardien de Prison ;

3° Gukurikira no gutsinda isomo ryihariye ryateguwe n'ishuri rya RCS ritanga inyigisho z'ibanze.

Ingingo ya 22: Ibisabwa ku muwada wifuza kuba Ofisiye

Umuwada ashobora kuva mu ntera arimo agashyirwa mu ntera y'Abofisiye iyo yujuje ibi bikurikira:

- 1° kubona impamyabumenyi ya Kaminuza cyangwa ihwanye nayo;
- 2° gukurikirana no gutsinda inyigisho zitangwa n'ishuri ritegura Abofisiye.

Ingingo ya 23: Uburyo abasanze ari abacungagereza bahabwa amapeti yo mu cyiciro cyisumbuye

Komisariya Nkuru ikora imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'abasanze ari abacungagereza bakwiye guhabwa ipeti rirenze iry'ubuwada ikayishyikiriza Minisitiri.

Abafite impamyabumenyi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye cyangwa ihwanye nayo bafite uburambe bw'umwuga n'amahugurwa mu kazi bashobora kugirwa abofisiye bato hakurikijwe imyanya bakenewemo.

Abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye cyangwa indi ingana nayo, bafite uburambe bw'umwuga n'amahugurwa mu kazi bashobora kugirwa abasuzofisiye hakurikijwe imyanya bakenewemo.

3° he/she undergoes and passes a special course organised by RCS basic training school.

Article 22: Requirements for Prison Warders intending to be Officers

A Prison Warder can be promoted to a Commissioned Officer if he/she fulfils the following conditions:

- 1° he/she holds a Bachelor degree or its equivalent;
- 2° he/she takes and passes a course at an officer training school.

Article 23: Methods for promoting prison guards from the former category

The General Commission shall prepare the draft of the list of prison guards from the former service proposed for promotion up to the rank higher than the one of prison warders and submit it to the Minister.

Those holding a senior six (6) degree or its equivalent and having seniority with training can be promoted to the junior officer category according to the available posts.

Those holding senior three (3) or its equivalent, with seniority and training, can be promoted to the category of Non-Commissioned Officer, according to the available posts.

3° suivre et réussir un cours approprié organisé par l'école de formation de base de RCS.

Article 22: Passage d'un gardien de prison au rang des officiers

Un gardien de prison peut changer son rang actuel au rang d'officier lorsqu'il remplit les conditions suivantes:

- 1° obtenir un diplôme de licence ou son équivalent ;
- 2° suivre et réussir les cours de l'école de formation des candidats officiers.

Article 23: Procédure promotion des surveillants aux grades de catégorie supérieure

Le commissariat Général propose l'avant projet de liste des surveillants ordinaires proposés à la promotion au grade supérieur à celui de gardien de prison et le soumet au Ministre.

Ceux ayant un Diplôme des Humanités ou équivalent et ayant une ancienneté et une formation professionnelle peuvent être promus au rang des Officiers subalternes selon les postes disponibles.

Ceux ayant un certificat de trois (3) ans post primaire ou son équivalent, et ayant une ancienneté et une formation professionnelle peuvent être promus au rang des sous officiers selon les postes disponibles.

Iyo abujuje ibisabwa muri iyi ngingo barenze umubare w'imyanya bakenewemo hategurwa ikizamini.

Ingingo ya 24: Kutazamurwa mu ipeti bituma umucungagereza asezererwa

Umucungagereza utazamuwe mu ipeti ku mpamvu z'imyifatire incuru ebyiri (2) zikurikirana ahita asezererwa nta mpaka.

UMUTWE WA IV: KWIMURWA, GUHINDURIRWA UMURIMO NO GUTIZWA

Ingingo ya 25: Kwimurwa

Bitabangamiye ububasha bw'inzego zitanga akazi, kwimurwa uva kuri Gereza ujya ku yindi, bikorwa na Komiseri Mukuru wa RCS cyangwa uwo yabihereye ububasha bimaze kwemezwa na Komisariya Nkuru ya RCS.

Ingingo ya 26: Ububasha bwo guhindurirwa umurimo

Umucungagereza ashobora guhindurirwa umurimo, akoherezwa mu butegetsi bwite bwa Leta cyangwa mu wundi muryango uwo ariwo wose ufite inshingano za Leta, agakomeza kugengwa n'iri teka.

Iyo umushahara w'ipeti rye usumba umushahara w'akazi ahawe, ahabwa umushahara uhwanyeye n'ipeti rye.

Guhindurirwa umurimo bikorwa n'Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti.

If the number of candidates who fulfill the required conditions exceeds the number of available posts, a selection exam shall be prepared.

Article 24: Dismissal due to missing promotion

Any prison guard who is not promoted two (2) consecutive times due to misconduct shall be dismissed.

CHAPTER IV: SECONDMENT, TRANSFER AND DETACHMENT

Article 25: Secondment

Without prejudice to the recruiting authorities' competence, transfer from one prison to another shall be carried out by the Commissioner General of RCS or his/her delegate after being approved by the High Commissioner of RCS.

Article 26: Authority empowered with transfer

A prison guard can be transferred from any prison office to any government service or other public service organ and continue to be governed by this Order.

Where his/her salary is superior than the salary of the post occupied, he/she shall be remunerated according to his/her rank.

Transfer is done by the competent authority responsible for awarding rank.

Au cas où il y a peu de postes avec un grand nombre de personnes remplissant les conditions requises, un examen leur est préparé à cette intention.

Article 24 : Renvoi à cause d'inaptitude à l'avancement

Un surveillant non promu au grade à cause de son indiscipline deux (2) fois consécutives est démis d'office.

CHAPITRE IV : MUTATION, TRANSFERT ET DETACHEMENT

Article 25 : Mutation

Sans préjudice du pouvoir reconnu aux autorités de recrutement, la mutation d'une prison à une autre, est effectué par le Commissaire Général ou son délégué après approbation par le Haut Commissariat de RCS.

Article 26 : Autorité ayant le pouvoir de transfert

Un surveillant peut être transféré du service à un autre service de l'Etat ou à tout autre organisme d'utilité publique tout en restant régi par le présent arrêté.

Au cas où son salaire de grade est supérieur au salaire du poste occupé, il est payé suivant son grade.

Le transfert est effectué par l'autorité compétente et responsable de l'octroi des grades.

Amasezerano y'akazi hagati ya RCS n'umucungagereza uhinduriwe umurimo aba asheshwe. Icyakora, iyo agarutse mu kazi ahabwa ipeti ringana n'iryo bagenzi be bagezeho, keretse yarabonye igihano kibigena ukundi cyangwa urwego rubifitiye ububasha rumuhaye irindi peti.

Ingingo ya 27: Kwinjizwa mu mwuga w'ubucungagereza

Iteka rya Perezida rishobora gushyira mu mwuga w'ubucungagereza umuntu udasanze muri uwo mwuga rikanagena ipeti ahabwa.

Ingingo ya 28: Gutizwa mu murimo

Gutizwa ni igihe umucungagereza ahagarika akazi by'agateganyo kubera inyungu z'Igihugu kugira ngo:

1° akore umurimo mu muryango Leta ifitemo inyungu cyangwa mu muryango wigenga ufite amasezerano na Leta;

2° akore umurimo mu muryango mpuzamahanga.

Gutizwa byemezwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti.

Ingingo ya 29: Ibijyana no gutizwa

Itizwa ryose ry'umucungagereza rirengeje igihe cy'amezi atatu (3) rituma uwo mwanya ubura nyirawo ugashyirwamo undi mukozi.

The contract between RCS and a prison guard transferred from any prison office shall be terminated. However, if he/she comes back to his/her duties, he/she shall be given a rank equal to that of his/her colleagues, unless a sanction stipulates otherwise or a competent authority awards him/her another rank.

Article 27: Admission as a prison guard

A person with no previous working experience in prisons may be appointed into the profession by a Presidential Order determining his/her rank.

Article 28: Detachment

Detachment is a period during which a prison guard provisionally stops his/her work for the public interest in order to:

1° carry out employment in a public organisation or in a private organisation which has a contractual relationship with the Government;

2° carry out service in an international organisation.

Detachment is approved by the competent authority responsible for promotion.

Article 29: Effects of detachment

Any detachment of a prison guard granted for a period exceeding three (3) months shall render the original post vacant, and it may be occupied by another employee.

Lorsqu'un surveillant est transféré, son contrat de travail avec RCS est résilié. Toutefois, au cas où il est repris en activité, il reçoit le grade équivalent à celui de ses collègues, sauf s'il a eu une sanction qui le stipule autrement ou si l'instance habilitée à l'octroi de grade lui donne un autre.

Article 27: Affectation dans la profession de surveillant

Une personne étrangère à la profession de surveillant peut y être affectée par arrêté présidentiel qui détermine également son grade.

Article 28: Détachement

Le détachement est la position d'un surveillant appelé à interrompre ses fonctions dans l'intérêt public, afin de:

1° occuper un emploi auprès d'un organisme dans lequel l'Etat a des intérêts ou auprès d'un organisme privé lié à l'Etat par une convention;

2° occuper un emploi dans une institution publique internationale.

Le détachement est effectué par l'autorité ayant le pouvoir de promotion.

Article 29: Effets du détachement

Tout détachement d'un surveillant pour une durée supérieure à trois (3) mois laisse ce poste vacant auquel est affecté un autre employé.

Official Gazette n °20 bis of 14/05/2012

Umucungagereza utijwe agengwa n'amategeko y'ikigo kimukoresha uretse ku byerekeye kureka akazi burundu.

Umucungagereza utijwe agumana uburenganzira bwe bwo kuzamurwa mu ipeti, ku mushahara, mu ntera kimwe n'uburambe ku ipeti muri RCS.

Umucungagereza utijwe ahembwa n'ikigo atijwemo keretse iyo hari amasezerano abivuga ukundi.

Iyo igihe cy'itizwa kirangiye, umucungagereza asubizwa ku murimo w'ubucungagereza ku buryo budakuka, keretse iyo icyo gihe kirangiye bitewe n'impamvu z'amakosa yo mu kazi yatuma umucungagereza ahagarikwa burundu mu kazi k'ubucungagereza. Icyo gihe ahagarikwa by'agateganyo ku kazi kugeza igihe ikurikirana rirangiye nk'uko biteganywa n'iri teka.

Ingingo ya 30: Kuba ku murimo k'umucungagereza

Uko byagenda kose, Umucungagereza aba ari ku murimo guhera itariki yinjiriyeho mu kazi kugeza itariki umurimo urangiriyeho hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.

Ingendo z'ubutumwa bwa Leta, gusiba byatangiwe uruhushya, konji, amahugurwa, gutizwa, kwimurwa bifatwa kimwe n'uko umucungagereza ari ku murimo.

Any prison guard on detachment shall be governed during his detachment by the statutory regulations of the relevant institution except as regards the termination of his/her service.

A prison guard on detachment shall retain his/her rights with regards to advancement in rank and remuneration as well as his/her category and seniority within the RCS framework.

A prison guard on detachment shall be remunerated by the establishment to which he/she is detached, except when there is a contract that stipulates otherwise.

At the expiration of the detachment period, a prison guard shall have the right to go back to his/her former position, except when the detachment period ended for reasons of misconduct at work which would cause his/her permanent suspension from his/her work as a prison guard. He/she shall therefore be provisionally suspended from his/her work until the end of any prosecutions as provided for in this Order.

Article 30: Period of duty

A prison guard is always on duty from the time he/she joins the service until the end of his/her service, as provided for in this Order.

During official mission, absence for a legitimate reason, holidays, training, detachment and transfers, a prison guard is on duty.

Le surveillant détaché est soumis, durant son détachement, au régime statutaire de l'institution de détachement sauf pour ce qui a trait à la cessation définitive de service.

Il garde son droit à l'avancement de grade, de traitement et de catégorie ainsi qu'à l'ancienneté au grade dans le cadre de RCS.

Il est rémunéré par l'institution de détachement sauf s'il existe un contrat qui le stipule autrement.

A l'issue de son détachement, le/la surveillant(e) est repris de droit en activité, sauf le cas où la fin de détachement serait provoquée par des motifs d'ordre disciplinaire susceptibles d'entraîner la cessation définitive du service dans le RCS. Dans ce cas, il est placé en suspension provisoire jusqu'à la fin de la clôture du dossier disciplinaire dans les conditions prévues au présent arrêté.

Article 30: Période d'activité

Dans tous les cas, le surveillant est en activité depuis la date d'entrée jusqu'à la date de cessation de service conformément au présent arrêté.

Les missions officielles de l'Etat, absence autorisée pendant les heures de service, congé, formation, détachement, et mutation sont repris dans la période de mise en activité.

UMUTWE WA V: INSHINGANO, UBURENGANZIRA N'IBIBUJIJWE

Icyiciro cya mbere: Inshingano

Ingingo ya 31: Inshingano z'umucungagereza

Umucungagereza wese nta tandukanyirizo ku ntera cyangwa ku murimo, afite inshingano zikurikira:

- 1° gukorera Repubulika y'u Rwanda nta buhemu, mu bunyangamugayo n'ubupfura;
- 2° gukorana umurava kandi ntiyiyandarike;
- 3° kwita ku bintu bifitiye Repubulika y'u Rwanda akamaro;
- 4° kurangiza ubwe n'umutimanama we ibyo ategetswe gukora;
- 5° kubahiriza amategeko ahabwa n'abamukuriye kandi agafatanywa n'abandi bacungagereza mu byateza imbere umurimo wabo ;
- 6° kugirira ikinyabupfura abamukuriye, abo bareshya n'abo asumba ;
- 7° gushyikirana na rubanda no kuba intangarugero mu bikorwa byo kujijura rubanda;
- 8° kwirinda icyahungabanya icyizere rubanda rumufitiye kigasuzuguzwa imirimo ye;
- 9° kumenya amategeko, amabwiriza, ibyemezo birebana n'iyubahirizwa ry'ibyo ategetswe

CHAPTER V: OBLIGATIONS, RIGHTS AND PROHIBITIONS

Section One: Obligations

Article 31: Prison guard duties

Any prison guard, irrespective of rank and function, shall have the following duties:

- 1° to serve the Republic of Rwanda with loyalty, integrity and dignity;
- 2° to be hardworking and disciplined;
- 3° to safeguard the interests of the Republic of Rwanda;
- 4° to accomplish in good conscience all the tasks he/she is given;
- 5° to respect orders given to him/her by his/her superiors and to collaborate with other prison guards in any way useful to their service;
- 6° to be polite to his/her superiors, equals and inferiors;
- 7° to communicate with the public and serve as a model in activities to educate the public;
- 8° to avoid any behaviour that could undermine the dignity of the service or confidence of the population;
- 9° to know law, guidelines and measures regarding the respect of his/her duties, the

CHAPITRE V: DEVOIRS, DROITS ET INTERRIDICTIONS

Section première: Devoirs

Article 31: Devoirs d'un surveillant

Tout surveillant, sans distinction de grade et de fonction, a les devoirs suivants :

- 1° servir la République du Rwanda avec loyauté, intégrité et dévouement ;
- 2° travailler avec assiduité et discipline;
- 3° veiller aux intérêts de la République du Rwanda ;
- 4° accomplir en toute conscience la mission qui lui est confiée ;
- 5° respecter les ordres émanant de ses supérieurs et collaborer avec les autres surveillants dans l'intérêt du service ;
- 6° faire preuve de politesse dans ses relations avec ses supérieurs, ses collègues et ses subalternes ;
- 7° communiquer avec le public, servir de bon exemple et rayonner dans l'action éducative auprès de la population ;
- 8° éviter tout comportement pouvant ébranler la dignité du service et la confiance du public vis à vis de celui-ci ;
- 9° connaître la réglementation, les directives et mesures concernant le

Official Gazette n °20 bis of 14/05/2012

	gukora, kubishyira mu bikorwa no gutuma byubahirizwa;	implementation of these guidelines, and to make sure they are respected;	respect de ses obligations, leur mise en application et les faire respecter ;
10°	kubaha amabwiriza yerekeranye n'ibanga ry'umurimo;	10° to respect instructions regarding professional confidentiality;	10° respecter toutes les règles relatives à la protection du secret professionnel;
11°	gufata neza ibikorwa n'ibikoresho bya Leta cyangwa ibyo ashinzwe gucunga no kurinda;	11° to take care of the installations and materials belonging to the State or placed under his/her guard and protection;	11° prendre soin des installations et du matériel appartenant à l'Etat ou placés sous sa garde et protection ;
12°	gufasha abayobozi bashinzwe kubahiriza umutekano igihe cyose bibaye ngombwa;	12° to assist all the authorities charged with security matters when it is considered necessary;	12° prêter main forte aux autorités chargées du maintien de l'ordre chaque fois que de besoin ;
13°	gufasha nta gutezuka, umuntu wese ushinzwe imirimo ya za Gereza cyangwa undi muntu wese igihe bibaye ngombwa;	13° to assist any member of the prison service or any other person when it is considered necessary;	13° prêter toute l'aide voulue à tout agent du service des prisons ou à toute autre personne chaque fois que de besoin ;
14°	gufasha umuntu wese ubyemerewe kugira ngo arangize inshingano ze igihe bishobotse, atabangamiye imirimo ya za gereza;	14° to assist any authorized person to successfully perform his/her duties as far as possible without hindering the work of the prison;	14° apporter son concours à toute personne autorisée pour l'aider à accomplir ses devoirs dans la mesure du possible sans compromettre les activités de la prison ;
15°	gushaka icyazamura imibereho myiza y'abantu bafunzwe; gukora neza n'imyitwarire myiza mu kazi ya buri muntu wese ayobora;	15° to promote the welfare of prisoners, work with efficiency and observe discipline while at work;	15° veiller au bien-être des prisonniers, à promouvoir l'efficacité au travail et à la discipline de toute personne qu'il dirige au travail ;
16°	kubaha uburenganzira bw'abo ayobora akabamenyeshya amakuru ariho igihe cyose bishoboka;	16° to respect the rights of individuals placed under his/her orders and keep them updated about current events;	16° respecter les droits des agents placés sous ses ordres et les tenir informés des événements en cours chaque fois que possible ;
17°	kuba buri gihe ashobora gukora akazi, kereka igihe cyo kuruhuka yabiboneye uruhushya cyangwa igihe cy'uburwayi;	17° to always be prepared for service except when granted leave or because of illness;	17° être toujours prêt à servir, sauf en cas de repos autorisé ou en cas de

18° gufata neza intwaro, amasasu, ibikoresho yahawe cyangwa acunga;

19° kujya mu nyigisho no mu mahugurwa y'akazi bamuteguriye mu gihe cy'umurimo no gukora imyitozo n'imirimo yemejwe n'ubuyobozi.

18° to diligently handle weapons, ammunition and all other property under his/her custody;

19° to undergo professional development courses, and carry out training exercises and other activities as decided by the administration.

maladie ;

18° assurer la bonne maintenance des armes, munitions et autres matériels mis à sa disposition ou placés sous sa garde ;

19° se soumettre à la formation ou au perfectionnement professionnel organisé à son intention en cours d'emploi et participer aux exercices et travaux décidés par l'administration.

Ingingo ya 32: Inshingano z'umucungagereza uyobora abandi

Umucungagereza wese uhawe kuyobora umurimo niwe ubazwa n'abamuyobora imigendekere yawo. Kubera iyo mpamvu, ategetswe guhana cyangwa guhanisha abanyamakosa, abanyamwete muke, abica amategeko n'amabwiriza bashobora kuboneka mu kazi ke.

Umucungagereza uyobora afite inshingano zo kutabogama yirinda kureba itandukanyirizo rya muntu, ry'imibereho y'abantu, ry'amoko, irya politiki, iry'idini cyangwa indi nyungu.

Umucungagereza uyobora ategetswe nanone kwihatira kurengera ibyagira akamaro rusange, agakemura ibibazo by'amakimbirane bishobora kuvuka.

Umucungagereza wese uyobora, ariyozwa amabwiriza yose yahaye abo ayobora.

Article 32: Responsibility of a prison guard who is entrusted with leadership

A prison guard placed at the head of a service shall be accountable to his/her hierarchical superiors for the smooth functioning of the service. Thus, he/she shall be required to punish the abuses, negligence or breaches of laws and regulations that come to his/her notice during the performance of his/her functions.

A prison guard placed at the head of service shall be required to be strictly impartial, without any discrimination based on social status, ethnicity, political opinion, religious beliefs or other personal interests.

A prison guard placed at the head of service shall also resolve any conflict that may arise in favour of the public interest.

A prison guard placed at the head of a service shall assume full responsibility for all orders which

Article 32: Devoirs d'un surveillant au poste de responsabilité

Tout surveillant placé à la tête d'un service est responsable auprès de ses supérieurs hiérarchiques du bon fonctionnement de ce service. De ce fait, il est tenu de sanctionner ou de faire sanctionner les abus, négligences ou violation des lois et règlements qu'il serait amené à constater dans l'exercice de ses fonctions.

Le surveillant placé à la tête d'un service a le devoir d'être impartial et se garder de toute discrimination basée sur le statut social, l'ethnie, l'opinion politique, la religion ou tout autre intérêt personnel.

Le surveillant placé à la tête d'un service a en outre l'obligation de résoudre, en faveur de l'intérêt public, tout conflit qui peut survenir.

Tout surveillant placé à la tête d'un service assume l'entière responsabilité de tous les

he/she gives to his/her subordinates.

Section 2: Rights

Article 33: Security of prison guards

Irrespective of the rights which are recognised by this Order, a prison guard shall be entitled to protection by the State against attacks, threats, abuses and defamations which he/she is subjected to in the course of performing his/her professional duties.

Article 34: Right to Consult personal files

Prison guards shall have the right to consult his/her personal files, but not to remove any documents from them. He/she may only make copies of them.

An individual file of a prison guard must contain the whole record regarding his administrative situation. Those records, distributed per subject, shall be filed chronologically and without discontinuity. All the records filed in his/her file shall be communicated to him.

Article 35: Mission

The fees for an official mission of a prison guard outside the country shall be determined like those of a civil servant in a mission outside of the country.

A prison guard on an internal mission shall be

ordres qu'il donne à ses subordonnés.

Section 2: Droits

Article 33: Sécurité des surveillants

Sous réserve des droits leur reconnus par le présent arrêté, les surveillants ont droit à la protection de l'Etat contre les attaques, menaces, outrages, injures et diffamations dont ils seraient l'objet dans l'exercice de leur fonction.

Article 34: Droit de prendre connaissance du dossier

Les surveillants ont le droit de consulter leur dossier personnel, mais sans en soustraire aucune feuille. Ils peuvent seulement la recopier.

Le dossier de chaque surveillant doit comprendre uniquement les documents relatifs au service. Ces documents sont classés chronologiquement et sans discontinuité suivant les sujets traités. Le surveillant a le droit d'être informé du contenu de son dossier.

Article 35: Mission

Les frais de missions officielles des surveillants à l'extérieur du pays sont réglementés au même titre que les agents de l'Etat en mission à l'étranger.

Les frais de mission des surveillants en mission

Icyiciro cya 2: Uburenganzira

Ingingo ya 33: Umutekano w'abacungagereza

Haseguriwe uburenganzira abacungagereza bahabwa n'iri teka, Leta igomba kubarinda gusagarirwa, iterabwoba, kumwazwa, gutukwa, gusebywa igihe bari mu mirimo bashinzwe.

Ingingo ya 34: Uburenganzira bwo gusoma dosiye

Abacungagereza bafite uburenganzira bwo gusoma amadosiye yabo, ariko ntibagire urupapuro na rumwe bavanamo. Bashobora gusa kurwandukura.

Dosiye ya buri mucungagereza igomba kuba igizwe n'impapuro zirebana n'akazi. Zibikwa zikurikije ibyo zivuga kandi zikurikiranye uko zagiye zinjira. Impapuro ziba ziri muri dosiye y'umucungagereza yemerewe kuzimenya.

Ingingo ya 35: Ubutumwa

Amafaranga ahabwa abacungagereza bari mu butumwa bwa Leta hanze y'Igihugu yubahiriza ibigenerwa abakozi ba Leta boherejwe mu butumwa hanze y'Igihugu

Ibigenerwa abacungagereza boherejwe mu butumwa

imbere mu gihugu bigenwa n'Inama Nkuru ya RCS; ntibirenga ibigenerwa abakozi bo mu butegetsi bwite bwa Leta.

Ingingo ya 36: Ibiruhuko n'impushya by'abacungagereza

Abacungagereza bahabwa ibiruhuko hakurikijwe ibiteganywa muri Sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 37: Amahugurwa y'abacungagereza

Amahugurwa y'abacungagereza ni igihe umucungagereza ahagarika akazi by'igihe gito kugirango ahugurwe. Umucungagereza ugiye mu mahugurwa arengeje iminsi mirongo itatu (30) agirana amasezerano yanditse n'urwego ayakoreramo.

Amahugurwa y'abacungagereza ashobora gukoreshwa na Leta y'u Rwanda, Igihugu cy'amahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga.

Amahugurwa y'abacungagereza arengeje iminsi mirongo itatu (30) akorerwa hanze y'Igihugu yemezwa na Minisitiri abisabwe na Komiseri Mukuru wa RCS hakurikijwe amabwiriza agenga amahugurwa n'ingendo zo hanze y'Igihugu.

Umucungagereza uri mu mahugurwa agumana umushahara agezeho, kimwe n'uburenganzira bwo kuzamurwa mu ipeti, ku mushahara, ku rwego rw'intera kimwe n'uburambe ku ipeti.

entitled to an allowance determined by the High Council of RCS which shall not exceed allowances entitled to a civil servant on an official mission.

Article 36: Leave and permission of prison guards

Prison guards shall be given leave and permissions according to the statutes governing civil servants.

Article 37: Training for prison guards

The training of prison guards shall temporarily interrupt his/her service in order to allow him/her to undertake studies. A prison guard who attends training for more than thirty (30) days must have a written contract with the service where he/she performs the training.

The training of prison guards can be organised by the Republic of Rwanda, a foreign state or an international organization.

Training for a prison guard for more than thirty (30) days outside the country shall be decided by the Minister upon the proposal by the Commissioner General of RCS according to the instructions governing training and travel outside the country.

While in training, a prison guard shall keep his/her salary and opportunity of being promoted in rank, treatment, category and seniority within the grade.

à l'intérieur du pays sont déterminés par le Conseil supérieur de RCS. Ces frais ne doivent pas excéder ceux alloués aux agents de l'Etat en mission officielle.

Article 36: Congés et permission des surveillants

Les congés et les permissions sont octroyés aux agents de prisons conformément au statut des agents de la fonction Publique.

Article 37: Formation des surveillants

La formation des surveillants est la position d'un surveillant qui est appelé à interrompre temporairement ses activités pour suivre une formation. Le surveillant en formation de plus de trente (30) jours doit avoir un contrat écrit avec le service qui l'a reçu.

Cette formation peut être organisée par l'Etat Rwandais, ou par un Etat étranger ou un organisme international.

La formation des surveillants de plus de trente (30) jours à l'étranger est décidée par le Ministre sur proposition du Commissaire Général de RCS conformément aux instructions relatives à des formations et des missions à l'étranger.

Le surveillant en formation maintient son salaire et conserve son droit à l'avancement de grade, de traitement, de catégorie ainsi que de son ancienneté dans le grade.

Umucungagereza weguye ku kazi, waghagaritse cyangwa wagataye asubiza RCS umutungo yamutanzeho mu mahugurwa hakurikijwe amasezerano yagiranye n'urwo rwego.

Ingingo ya 38: Igihe cy'ihagarika

Guhagarika umurimo by'igihe gito ku mpamvu izo arizo zose ntibirenga igihe cy'amezi atandatu (6).

Ingingo ya 39: Ihagarika ry'umurimo kubera uburwayi

Ihagarika ry'umurimo kubera uburwayi ni igihe umucungagereza ahabwa cyo gusiba umurimo bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga bigaragazwa n'icyemezo cya muganga.

Guhagarika umurimo kubera uburwayi ntibituma umucungagereza asiga umwanya utagira nyirawo.

Umucungagereza uhagaritse umurimo agumana umushahara we agezeho kandi akagira uburenganzira bwo kuzamurwa mu ipeti, ku mushahara, ku rwego rw'intera kimwe n'ubw'uburambe mu ipeti.

Ingingo ya 40: Gusubizwa ku murimo cyangwa gusezererwa burundu

Iyo igihe cyo guhagarika umurimo kirangiye, umucungagereza ashobora gusubizwa ku murimo aramutse yasubiranye intege zo gukora cyangwa agasezererwa hakurikijwe ibivugwa muri iri teka.

Any prison guard who resigns from work, suspends or abandons his/her job shall reimburse the RCS for anything that was spent for him/her during training carried out according to the contract.

Article 38: Time for suspension

Any suspension from service for whatever reason shall not exceed six (6) months.

Article 39: Suspension of service because of sickness

Suspension of service because of sickness is the period granted to a prison guard after authorisation of a state doctor when he/she does not serve on duty because of sickness or other handicap.

A prison guard whose duty is suspended because of sickness does not leave a vacant post.

A prison guard whose duty is suspended shall retain his/her salary and the opportunity for advancement in rank, treatment, category and seniority within the grade.

Article 40: Re-instatement or dismissal

At the end of the suspension from activity, the prison guard shall either be re-instated to employment if he/she is again physically fit, or shall be discharged in conformity with this Order.

Un gardien de prison qui démissionne, qui suspend ou qui abandonne son service, rembourse RCS tout ce qui a été dépensé pour sa formation conformément au contrat signé.

Article 38: Délais de suspension

Toute suspension d'activité de quelque nature que ce soit ne peut dépasser un délai de six (6) mois.

Article 39: Suspension pour cause de maladie

La suspension d'activité pour cause de maladie est la période de non activité accordée à un surveillant suite à une maladie et une infirmité attestées par un médecin de l'Etat.

Le surveillant en suspension d'activité pour cause de maladie ne laisse pas l'emploi vacant.

Le surveillant en suspension d'activité maintient son salaire et conserve son droit à l'avancement de grade, de traitement, de catégorie ainsi que de son ancienneté dans le grade.

Article 40: Reprise d'activité ou renvoi définitif

Au terme de la suspension d'activité, un surveillant est, soit repris en activités s'il est physiquement rétabli, soit renvoyé définitivement conformément au présent arrêté.

Ingingo ya 41: Gusubika akazi

Gusubika akazi ni igihe umucungagereza, ku mpamvu ze bwite, yemererwa guhagarika imirimo ye.

Igihe ntarengwa cy'usabye gusubika akazi kubera impamvu ze bwite ni umwaka umwe (1), keretse iyo hari impamvu zidasanzwe zatumye icyo gihe gishobora kongerwa.

Isubikwa ry'akazi rituma umucungagereza asiga umwanya utagira nyirawo iyo rirengeje amezi atatu (3).

Iyo igihe cy'isubikwa ry'akazi kirangiye, umucungagereza ahita asubira ku murimo. Gusubika akazi bituma umucungagereza adahemberwa iyo minsi.

Ingingo ya 42: Uburyo isubikwa ry'akazi rikorwa

Gusaba guhagarika akazi bikorwa mu nyandiko yoherezwa ufite ububasha bwo gutanga ipeti binyujijwe kuri Komiseri Mukuru wa RCS.

Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ipeti asuzuma icyo cyifuzo mu gihe ntarengwa cy'iminsi mirongo icyenda (90) uherye ku munsu aboneyeho ibaruwa isaba ihagarika ry'akazi.

Isubikwa ry'akazi rifatwa nk'aho ryemewe iyo icyo gihe kirangiye umuyobozi wabisabwe ntacyo abivuzeho.

Article 41: Leave of absence for non specific period

Leave of absence is a period when a prison guard temporarily suspends her/his service for personal reasons.

The maximum period for leave of absence for personal reasons is one (1) year unless there is a special circumstance that may increase the period if considered necessary.

Leave of absence leads to a vacancy where that suspension exceeds three (3) months.

After leave of absence, a prison guard shall resume his/her duties, but during the suspension period he/she shall not be paid.

Article 42: Procedure for leave of absence

The application for leave of absence shall be made in writing and sent to the authority responsible for promotion through the Commissioner General of RCS.

The authority responsible for promotion shall examine the request within ninety (90) days from the day he/she received the request.

At the end of this period, the suspension shall be considered permanent if the authority does not make a decision to the contrary.

Article 41: Mise en disponibilité

La mise en disponibilité est la situation d'un surveillant qui suspend temporairement ses fonctions, pour des raisons personnelles.

La durée de la mise en disponibilité est d'une (1) année sauf en cas de motifs exceptionnels.

La mise en disponibilité rend le poste vacant pour une durée excédant trois (3) mois.

A l'expiration de la période de la mise en disponibilité, le surveillant reprend ses fonctions mais ne bénéficie pas de son salaire pendant les jours de son absence.

Article 42: Procédure de mise en disponibilité

La demande de mise en disponibilité doit être adressée par écrit à l'autorité nantie du pouvoir de promotion sous couvert du Commissaire Général de RCS.

L'autorité nantie du pouvoir de promotion statue sur la demande dans un délai maximum de quatre-vingt (90) jours à dater de la réception de la demande.

A l'expiration de ce délai la mise en disponibilité est réputée accordée si l'autorité ne s'est pas prononcée.

Iyo ubusabe bw'isubikwa ry'akazi butemewe, impamvu zo kumwagira zimenyeshwa nyirubwite mu nyandiko hubahirijwe igihe cyavuzwe muri iyi ngingo.

Umucungagereza usaba kuba ahagaritse akazi iyo ubusabe bwe butemewe agomba kuba akagumyeho akongera kubisaba mu mwaka w'ingengo y'imari ukurikiyeho.

Icyiciro cya 3: Ibibujijwe

Ingingo ya 43: Ibyo umucungagereza abujijwe

Umucungagereza wese abujijwe:

- 1° gukora ibinyuranyije n'amategeko n'inzego z'ubuyobozi biriho, icyahungabanya umutekano wa Repubulika y'u Rwanda cyangwa ubusugire bw'Igihugu;
- 2° gufatanya n'udutsiko twigaragambya cyangwa kugira uruhare mu bikorwa bigamije gukora imyigaragambyo;
- 3° kwaka cyangwa kwakira, ubwe cyangwa se binyujijwe ku wundi n'ubwo yaba atari ku kazi, ruswa, amaturu, inyiturano, amaronko ayo ariyo yose, biganisha kuri ruswa n'ibindi byose bifitanye isano nayo;
- 4° gukoresha ko ari umucungagereza akanga kwishyura imyenda ye cyangwa gusaba ko yasonerwa;

Otherwise, the requesting party shall be informed in writing about the reason for refusal within the time stated in this Article.

In case of refusal, a prison guard applying for suspension of service shall remain at the place of work and apply in the following budget year.

Section 3: Prohibitions

Article 43: Prohibitions for prison guard

A prison guard shall be prohibited from the following:

- 1° undertaking activities which are contrary to established laws, institutions or authorities, or jeopardising the security of the Republic of Rwanda or the integrity of its territory;
- 2° participating in strikes or taking part in actions intended to provoke a strike;
- 3° demanding or receiving personally or through a third person, even outside of his/her duty hours, bribes, gifts, donations, and other gratuities meant to provoke corruption, or any other similar acts;
- 4° taking advantage of his/her status of being a prison guard in order to avoid paying his/her debts or soliciting

En cas de refus de la demande de mise en disponibilité, les motifs de refus sont notifiés au concerné par écrit, conformément au délai indiqué dans cet article.

Tout surveillant dont la demande de mise en disponibilité est refusée est tenu de rester au service et réitère sa demande l'année budgétaire suivante.

Section 3: Interdictions

Article 43: Actes interdits au surveillant

Il est interdit à tout surveillant de :

- 1° poser un acte contraire à la loi et aux institutions administratives existantes, ou de nature à attenter à la sûreté de la République du Rwanda ou à la souveraineté nationale ;
- 2° participer à des mouvements de grève ou de prendre part à des actions visant à provoquer une grève ;
- 3° demander ou d'accepter personnellement ou par l'intermédiaire d'une tierce personne, même en dehors de l'exercice de ses fonctions des prébendes, gratifications ou avantages quelconque visant à la corruption, et à tout autre geste de même nature ;
- 4° faire prévaloir son statut de surveillant pour ne pas payer ses dettes ou en demander l'exonération;

favoured treatment;

5° kumena ibanga ry'akazi.

5° revealing professional secrets.

5° livrer les secrets professionnels.

Ingingo ya 44: Kutabangikanya imirimo

Article 44: Incompatibilities of service

Article 44: Incompatibilités de service

Ibitabangikanwa n'imirimo ya Gereza ni:

The following shall be incompatible with the status of a prison guard:

Sont incompatibles avec la qualité de surveillant:

1° kuba umuyoboke w'Umutwe wa Politiki;

1° being a member of any political party;

1° être membre d'un parti politique ;

2° umwuga uwo ariwo wose w'ubucuruzi cyangwa uw'inganda wabangamira imirimo ashinzwe;

2° undertaking any commercial or industrial profession or activity likely to hinder his/her service;

2° toute activité commerciale ou industrielle de nature à entraver le service ;

3° kuba mu buyobozi cyangwa mu butegetsi bw'imiryango yigenga, y'ubucuruzi cyangwa y'inganda uretse abahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga;

3° participating in the management or administration of a private company or any other commercial or industrial enterprise, except mandates exercised on behalf of the State in private enterprises;

3° être membre d'un conseil ou des organes administratifs des sociétés privées, commerciales ou industrielles, sauf en qualité de représentant des intérêts de l'Etat dans ces établissements privés ;

4° kugira ikintu cyose cyatuma abona inyungu zimutera kwica akazi ke cyangwa kumubuza ubwigenge no gukoresha ukuri n'ubutabera nta kubogama.

4° jeopardising his/her responsibilities or other actions that would compromise his/her independence and would hinder fair administration of justice.

4° avoir des intérêts de nature à l'inciter à ne pas bien accomplir son travail, à restreindre son indépendance et son esprit de justice.

UMUTWE WA VI: GUSHIMIRWA NO KUZAMURWA MU NTERA

CHAPTER VI: APPRAISAL AND PROMOTION

CHAPITRE VI: APPRECIATION ET PROMOTION

Ingingo ya 45: Gushima abacungagereza

Article 45: Appraisal of prison guards

Article 45: Appréciation des surveillants

Ni ngombwa gutanga amanota y'akazi ku bacungagereza bose.

Evaluation shall be compulsory for all prison guards.

L'évaluation est obligatoire pour tous les surveillants.

Ayo manota abereyeho kwereka ubuyobozi agaciro

An evaluation shall aim to inform the commander

Elle a pour but d'éclairer le commandement sur

ka buri mucungagereza, ubushobozi bwe bwatuma yisumburaho n'imyifatire ye ku kazi. Izo nizo ngingo z'ibanze zishingirwaho kugira ngo abone uburenganzira bwo kuzamuka ku mushahara, mu ntera no mu ipeti.

Ingingo ya 46: Isuzumamikorere ry'abacungagereza

Umucungagereza wese ahabwa buri mwaka amanota yanditse ku rupapuro rwabigenewe ruriho ishimwe bamugeneye ryatuma abona cyangwa atabona ipeti ryisumbuye.

Uko umucungagereza ashimwa ku murimo we, bivugwa na rimwe muri aya magambo: Ingenzi, Nyamwete, Arakora, Ntamwete, Ikigwari.

Iyo nyandiko niyo ishingirwaho mu kumuha ishimwe cyangwa kutarimuha.

Gushima umucungagereza bimuha amahirwe yo kuzamurwa mu ipeti ryisumbuye, bigomba kuvugwa na rimwe muri aya magambo: "Arabikwiye", "Ntarageza igihe", "Ntabikwiye" kandi bigaherekezwa n'inyandiko ivuga imikorere ye.

Umucungagereza wese wiswe "Ikigwari" cyangwa "Ntamwete" inshuro ebyiri (2) zikurikirana asubizwa mu buzima busanzwe.

about a prison guard's moral and disciplinary conduct, abilities and performance. The evaluation shall be the basis in determining the prison guard's rights as regards advancement in salary, rank and appointment.

Article 46: Evaluation of prison guards

A prison guard shall be evaluated annually according to the form of an evaluation report and according to his/her merit and ability to accede to a higher rank.

The standard of merit shall be one of the following: Excellent, Very Good, Good, Fair, and Poor.

This evaluation shall be the basis of the decision whether or not to award the prison guard the designation of distinction.

The appraisal of a prison guard's ability to accede to a higher rank shall be given to every prison guard and shall contain one of the following statements: "He/she deserves a promotion", "It is not yet time for a promotion", "He/she does not deserve it", and the statement shall be accompanied by a written evaluation detailing his/her performance.

Any prison guard who is rated "Poor" or "Fair" two (2) consecutive times shall be laid off.

la valeur morale et disciplinaire de chaque surveillant, ses aptitudes et sa manière de servir. Elle constitue la base essentielle sur laquelle l'on peut se baser pour la majoration de son salaire, l'avancement en grade et en catégorie.

Article 46: Evaluation des surveillants

Chaque surveillant fait objet d'une évaluation annuelle établie sous forme d'un bulletin de signalement et concernant son mérite et son aptitude à accéder au grade supérieur.

L'application du mérite contient une des mentions suivantes : Elite, Très Bon, Bon, Assez Bon, Médiocre.

Cette évaluation sert de base pour attribuer ou ne pas attribuer la note de mérite au surveillant.

L'appréciation de l'aptitude d'un surveillant lui confère le droit d'accéder au grade supérieur, et contient l'une des mentions suivantes : "Apte", "Prématuré", "Inapte" et doit s'accompagner d'une note synthétique indiquant sa performance.

Tout surveillant coté "Médiocre" ou "Assez Bon" deux (2) fois consécutives est désengagé.

Ingingo ya 47: Dosiye igaragaza imikorere

Buri mucungagereza afite matirikire n'igitabo ndangamuntu kibamo impapuro zose z'imishimire ye, n'ibyangombwa byose bituma ishimwe akwiye rigaragara.

Muri icyo gitabo ariko bashyiramo gusa ikizwi na nyirabyo kandi byerekeye akazi cyangwa se ibyerekeye imyifatire ye bifitanye isano n'akazi.

Buri mucungagereza yemererwa kureba mu gitabo ndangamuntu cye kugira ngo amenye impapuro zirimo, ariko atagikuye aho kiri kandi ntacyo ahinduyeho.

Ingingo ya 48: Imiterere y'impapuro z'ishimwe

Uburyo n'imiterere by'impapuro z'ishimwe hamwe n'uburyo isuzamikorere rya buri mwaka rikorwa bishyirwaho n'amabwiriza ya Minisitiri abigiriwemo inana n'Inama Nkuru ya RCS.

UMUTWE WA VII: IMYIFATIRE

Ingingo ya 49: Kumvira

Kumvira ni ugukurikiza byimazeyo amategeko n'amabwiriza y'abayobozi atanyuranyije n'amategeko.

